REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyagatare kuwa, 22/10/2018
No.....43.....07.05.02.09/TC

Eastern Province
For reception
Date 23 OCT 2018
Signature

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NYAGATARE
P.O Box 20 NYAGATARE
TEL/FAX: 565249
E-mail: nyagataredistrict@minaloc.gov.rw

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba
RWAMAGANA

Impamvu: Imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa **06/10/2018**

Bwana Guverineri,

Tunejejwe no kubandikira iyi baruwa tugira ngo tubagezeho imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyagatare yateranye kuwa **06/10/2018** nkuko muyisanga kumugereka w'iyi baruwa.

Mugire amahoro .

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAGATARE

ATUKUNDA RUKEEBA Chantal

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare

RECEPTION
MINALOC
Date: 25/10/18

Bimenyeshejwe:

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu-**Kigali**

Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **Nyagatare**

Scanned by CamScanner

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA, AKARERE KA NYAGATARE
INAMA NJYANAMAY'AKARERE KA NYAGATARE

IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NYAGATARE YO KUWA 06 UKWAKIRA 2018

Ku italiki ya 6 Ukwakira 2018 saa tatun'igice za mu gitondo (9h30a.m)mu cyumba cy'inama cy'Akarere cya PDERCIU hateraniye Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare iyobowe n'Umuyobozi wayo Madamu ATUKUNDA RUKEEBA Chantal.

Abajyanama Bitabiriye Inama;

1. Umujyanama Atukunda Rukeeba Chantal
2. Umujyanama BIZIMANA J.Bosco
3. Umujyanama BUSINGE Rose Bella
4. Umujyanama Gakwaya Charles
5. Umujyanama IYAKAREMYE Dieudonne
6. Umujyanama KARANGWA Scovia
7. Umujyanama Katari Gedeon
8. Umujyanama KAYITESI Florence
9. Umujyanama MANARIYO Fatuma
10. Umujyanama MUKAMUSONI Ancille
11. Umujyanama MUKANDAYISENGA Donatille
12. Umujyanama MUKURIZEHE Annualite
13. Umujyanama MUREKATETE Juliette
14. Umujyanama MUSHABE David Claudien
15. Umujyanama NALUBEGA Kengiri Cissy.
16. Umujyanama NSHIMIYUMUREMYI Ildephonse
17. Umujyanama NTAMBARA Phocas
18. Umujyanama NTIRENGANYA RUHIRA Benoit

Scanned by CamScanner

19. Umujyanama NTUNZWENIMANA Martin
20. UmujyanamaRUBAGUMYA Sam
21. Umujyanam RUKUNDO Mike
22. Umujyanama RURANGWA Steven
23. Umujyanama RWIHIMBA RUHUMURIZA Claude
24. Umujyanama TUMUKUNDE Chantal Josephine
25. Umujyanama TWIZEYIMANA Joseph

Abajyanama Batitabiriye Inama ariko batanze Impamvu

1. Umujyanama MUKAWERA Marguerite
2. Umujyanama NIYONZIMA George
3. Umujyanama NTAZINDA BADEGE Sam
4. Umujyanama SHEMA Emmanuel

Abatumirwa bitabiriye Inama:

- Uhagarariye Ingabo
- Uhagarariye Polisi
- Umuyobozi w'Imirimo Rusange
- Umuyobozi wa REG/EUCR
- Abayobozi b'amashami
- Abaperezida b'Inama Njyanama b'Imirenge
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge

Ingingo zari ku murongo w'ibyigwa:

1. Kugezwaho imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe iheruka no kureba aho igeze ishyirwa mu bikorwa;
2. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'igihembwe cya mberecy'umwaka wa 2018-2019 (Budget Execution Q1 2018-2019);
3. Kugezwaho raporo y'ibikorwa by'imihigo igihembwe cya mbere y'umwaka wa 2018-2019;
4. Kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta;
5. Ibindi.

Ingingo ya mbere:Kugezwaho imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe iheruka no kureba aho igeze ishyirwa mu bikorwa;

Icyemezo N^{0} 001/NDC/10/2018:

Scanned by CamScanner

Abari mu namaNjyanamabasomewe imyanzuro y'inama Njyanama isanzwe iheruka, bagezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ryayo;

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashweaho kubyemezo 21 byafashwe ibyashyizwe mubikorwa ari 7 bihwanye na 33%, ibyashyizwe mubikorwa igice ni 10 bihwanye na 48% naho ibitarashyirwa mubikorwa ni 4 bihwanye na 19%, isanze ishyirwa mubikorwa rikiri hasi maze isaba Komite Nyobozi kongeramo imbaraga kugira ngo ibindi byemezo bisigaye nabyo bishyirwe mubikorwa.Byemejwe n'abajyanama bose bitabiriye inama uko ari 25.

Icyemezo N° 02/NDC/10/2018: Kubirebana n'icyemezo cyo kubaka amazu y'abarinda amavomo bagomba kugamamo cyafashwe aho ayo mazu y'abazamu yagombaga kuba yarangiye bitarenze 15/9/2018, Inama Jyanama yasanze uyu mwanzuro utarashyizwe mubikorwa nkuko bikwiyeahubwo imenyeshwa ko habaye imbogamizi yuko hari amavomo adafite amazi, nandi afite amazi mabi. Abagize inama Njyanama basabye Komite Nyobozi ko kubaka amazu yo kugamamo ku mavomo adafite ikibazo byakomeza ariko hakanakorwa isesengura ryimbitse kubibazo biri muri ayo mavomo hitabwa kuri ibi bikurikira:

- Kureba amavomo afite amazi meza
- Kureba amavomo afite amazi mabi
- Kureba amavomo adafite amazi
- Kugenzura niba ntakibazo kiri mwisoko ryatanzwe mu kubaka amavomo

Komite Nyobozi yahawe igihe cy'ukwezi kumwe ikaba yamaze guha raporo biro y' Inama Njyanama igaragaza n'icyakorwa kugira ngo ibyo bibazo bikemuke. Byemejwe n'abajyanama bose bitabiriye inama uko ari 25.

Icyemezo N° 03/NDC/10/2018: Ku birebana n'uruganda rw'amazi (Water Supply Company) rubarizwa mu Murenge wa Matimba rwasizwe na bene rwo ariko ubu abaturage babiri (2) barurinda bakaba bavuga ko hashize igihe kinini atahaboneka kandi akaba atabahemba umushahara wabo, Inama Njyanama yamenyeshejwe ko umutungo w'uruganda wabaruwe nkuko byari byasabwe ndetse inzego zibishinzwe arizo WASAC na MINENFRA zikaba zarashoboye kuvugana na nyirarwo mu rwego rwo kureba ko hari icyakorwa kugira ngo imirimo isubukurwe,

Scanned by CamScanner

ariko mugihe bitarakorwa inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwegera abo baturage mu rwego rwo kubaganiriza kugirango hamenyekane ibibazo bafite.

Icyemezo N^{0} 04/NDC/10/2018:Icyemezo N^{0} 04/NDC/10/2018: Nyuma y'uko Komite Nyobozi igaragarije Inama Njyanama ko hari abaturage bananiwe gusubiza abo bari baragurishije ubutaka bukanakoreshwa mu buryo butemewe n'amategeko, Inama Njyanama kandi imaze kugezwaho ko Komisiyo irimo gukurikirana ibibazo birebana n'ubutaka, ikaba yarahawe igihe cy'amezi abiri kuba ibabazo byose by'ubutaka biba byahawe umurongo. ku bwiganze busesuye Inama Njyanama yemeje ko habaho gutegereza imyanzuro y'iyo komisiyo idasanzwe umwanzuro w' icyakorwa kubananiwe gusubiza ukazafatwa hashingiye kubyagaragajwe niyo komisiyo.

Ingingo ya kabiri:Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'igihembwe cya mbere 2018-2019 (Budget Execution Q1 2018-2019);

Icyemezo N^{0} 05/NDC/10/2018: Nyuma yo kugezwaho raporo y'aho ingengo y'imari igeze ishyirwa mu bikorwa bigaragara ko ikiri hasi cyane kuko hamaze gukoreshwa 1,976,260,802 Frw ahwanye na 11% kuri 18,617,994,265 Frw ahwanye na 89% ategenyijwe, abagize Inama Njyanama basabye Komite Nyobozi kwihutisha ibikorwa byose biteganyijwe hihutishwa itangwa ry'amasoko ateganyijwe.

Ingingo ya gatatu:Kugezwaho raporo y'ibikorwa by'imihigo igihembwe cya mbere y'umwaka wa 2018-2019;

Icyemezo N^{0} 06/NDC/10/2018:

Inama Njyanama imaze kugezwaho uko imihigo**76** yahizwe muri uyu mwaka ariyo: **24** y'ubukungu,**41** y'imibereho myiza na 11 y'imiyoborere myiza irimo gukurikiranwa,yasanze kugeza ubu iri kuri 24,4%. Abagize Inama NjyanamabasabyeKomite Nyobozi kongeramo imbaraga hitabwa cyane kubufatanye n'abafatanya bikorwa batandukanye mukwesa imihigo.

Ingingo ya kane:Kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta;

Icyemezo N^{0} 07/NDC/10/2018:

Inama Njyanama imaze kugezwaho uko inama z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta zigenda zishyirwa mu bikorwa, yasanze igeze kuri 48.86%. Imaze gusanga ishyirwa mu bikorwa rikiri hasi cyane yasabye Komite Ngenzuzi (Audit committee) kugira ubufatanye n'Abagenzuzi b'Akarere (Internal Auditors) ndetse n'Abakozi bo mu ishami ry'Icungamari (Unite de Finance),

Scanned by CamScanner

kugira ngo ishyirwa mubikorwa ry'inama z'Umugenzuzi Mukuru ryihutishwe, bakazatanga raporo mu biro by'Inama Njyanama igaragaza ibyakozwe bitarenze ukwezi kwa Ukwakira 2018.

Icyemezo N^{0} 08/NDC/10/2018

Nyuma y'uko Inama Njyanama isanze hari ibibazo bigaruka kenshi mu namaz'umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta ziba zitarashoboye gushyirwa mu bikorwa harimo nka biyogazi y'ishuri ryisumbuye rya Rukomo (SOPEM), Abajyanama basabye Komite Nyobozi kwegera ibigo bya Leta by'inzobere mu bya biyogazi bigafasha Akarere gusesengura imiterere ya biyogazi yubatswe mu bigo bya Leta ariko zikaba zidakora harimo iya Rukomo (SOPEM) n'iy'ishuri ry'isumbuye rya Nyagatare (Nsheke) kugira ngo hashakwe uko ibyo bibazo byacyemuka.

Ingingo ya gatanu:Ibindi.

Umujyanama NTAMBARA Phocas akaba n'umuyobozi w'ikigo cy'ishuri ry'isumbuye rya Rukomo (SOPEM) yamenyesheje inama Njyanama ko Umwarimu w'Indashyikirwa mu rwego rw'Igihugu yaturutse mu Karere ka Nyagatare mu Murenge wa Rukomo ku Ishuri abereye umuyobozi. Inama yishimiye ko umwarimu w'indashyikirwa mu rwego rw'igihugu yavuye mu Karere ka Nyagatare maze isaba Abayobozi gushishikariza Abarimu bose kurushaho kugira imikorere y'indashyikirwa.

Abari munama bashimiye Komite Nyobozi kurigahunda yafashe yo gukemura ibibazo by'abaturage bari kumwe n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge kuwagatatu wa waburi cyumweru.

Inama Njyanama yashojwe Saa cyenda n'iminota mirongo itatu n'itanu (15h35 PM).

MUKURIZEHE Annualite
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyagatare

ATUKUNDA RUKEEBA Chantal
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyagatare

Scanned by CamScanner